REPUBLIKA Y'U RWANDA

Muhanga kuwa 23/04/2021
N° 1314/07.../2021

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA MUHANGA
E-mail: info@muhanga.gov.rw

ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Muhanga mu Ntara y'Amajyepfo buramenyesha abantu babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga akazi k'abakozi b'Akarere ku myanya 30 yo kwinjira mu rwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

Harimo imyanya 3 ku buhuzabikorwa bwa DASSO ariyo :

- Umuhuzabikorwa wa DASSO,
- Umuhuzabikorwa wa DASSO wungirije ushinzwe ibikorwa by'umutekano,
- Umuhuzabikorwa wungirije wa DASSO ushinzwe ubuyobozi n'ibikoresho,
- N'imyanya 27 y'abagize DASSO bato.

Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO ni ibi bikurikira :

- Kuba ari umunyarwanda ;
- Kuba abishaka ;
- Kuba agejeje imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko kandi atarengeje imyaka mirongo itatu n'itanu (35) y'amavuko ;
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire ;
- Kuba atarigeze akatirwa igifungo ndakuka kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) ;
- Kuba afite impamyabumenyi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyakora uwarangije amashuri atatu(3) yisumbuye kandi afite ubumenyi bwihariye mu bijyanye n'umutekano ashobora kwinjira muri DASSO ;
- Kuba afite amagara mazima n'intege zibashije imirimo ya DASSO, bigaragazwa n'inyandiko za muganga wemewe mu Rwanda ;
- Kuba atarigeze yirukanwa ku kazi burundu cyangwa ngo asezererwe nta mpaka ku murimo uwo ari wose wa Leta,
- Kuba afite icyemezo cyihariye kigaragaza ko yakoze neza imirimo ijya gusa nk'iya DASSO byaba ari akarusho.

- By'umwihariko ku bijyanye n'Umuhuzabikorwa wa DASSO(bose) ku rwego rw'Akarere agomba kuba afite impamyabumenyi ya kaminuza (A_0/ A_1) cyangwa impamyabumenyi y'amashuri atandatu (A2) n'uburambe nibura bw'imyaka itanu (05) mu bijyanye n'umutekano mu Gihugu, kandi agomba kuba atarengeje imyaka mirongo ine n'itanu (45) y'amavuko ;

Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira :

1) Ifishi isaba akazi yujujwe neza iboneka ku rubuga rw'Akarere ka Muhanga (www.muhanga.gov.rw);
2) Fotokopi y'impamyabumenyi
3) Icyemezo cyo kuba ari inyangamugayo gitangwa n'Umurenge abarizwamo ;
4) Fotokopi y'indangamuntu ;

Dosiye yuzuye isaba akazi igomba kuba yageze mu bunyamabanga rusange bw'Akarere bitarenze 04/05/2021

Bikorewe i Muhanga ku wa 23/04/2021

KAYITARE Jacqueline
Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga